D|019|6

Kigali kuwa 10/3/1998

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,SIPORO ,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE.
B.P 1044 KIGALI

Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w'Urubyiruko,Siporo Umuco
no Kwigisha imyuga iciriritse.

Impamvu:
Gusabira Umushinga w'Ingando z'Ubufatanye.
ububiko bwihariye.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Kubera ko umushinga w'ingando z'ubufatanye umaze guhabwa abakozi ba ngombwa bahagije,muri bo hakaba harimo abashinzwe kubika umutungo w'umushinga,nagirango nsabe ko twahabwa ububiko buhariwe uwo mutungo.

Nk'uko mubizi,ibintu bimaze iminsi byibwa ntidushobore gukurikirana uko byagenze,ngo hafatwe ingamba zo kubuza ko bikomeza kwibwa kuko nta ruhare dufite mu kubibika.Ibindi biratangwa tutarebye ko ibisigara bihagije muri za gahunda ziri imbere.Niyo mpamvu nifuza ko umushinga wabika mu cyumba n°1123 ibikoresho byawo tutashyira mu ihema.Bivanguwe mu bindi ubwo bubiko bwombi burahagije,n'ibisigaye KIMIRONKO byajyamo.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

ndabizeza ko imigambi ihamye yo gucunga uwo mutungo tugomba kubungabunga,kurondereza no gukoresha neza yafashwe..

Mbaye mbashimiye igisubizo cyanyu cyiza.

MUNYANDAMUTSA J.Paul
Umuhuzabikorwa w'umushinga
w'ingando z'ubufatanye.

Bimenyeshejwe:
-Bwana Umunyamabanga Mukuru wa MIJESCAFOP
-Bwana Umuyobozi w'ishami (bose)
-Bwana umukuru wa Division ya Infrastructures et équipements